

AMABWIRIZA Y'UMUYOBOZI
MUKURU N° 002/MINES/RMB/2019
YO KU WA 18/07/2019 AGENA
ITANGWA RYA SERIVISI
ZEREKEYE IBIKORWA
BY'UBUCUKUZI
BW'AMABUYE Y'AGACIRO NA
KARIYERI

REGULATIONS OF THE CHIEF
EXECUTIVE OFFICER N°
002/MINES/RMB/2019 OF 18/07/2019
DETERMINING THE PROVISION
OF SERVICES RELATING TO
MINING AND QUARRY
OPERATIONS

RÈGLEMENTS DU DIRECTEUR
GÉNÉRAL EN CHEF N°
002/MINES/RMB/2019 DU 18/07/2019
DÉTERMINANT LA PRESTATION
DE SERVICES EN RAPPORT AVEC
LES OPÉRATIONS
D'EXPLOITATION DES MINES ET
CARRIÈRES

ISHAKIRO

TABLE OF CONTENTS

TABLE DES MATIÈRES

**UMUTWE WA MBERE: INGINGO
RUSANGE**

**CHAPTER ONE: GENERAL
PROVISIONS**

**CHAPITRE PREMIER:
DISPOSITIONS GÉNÉRALES**

**Ingingo ya mbere: Icyo aya mabwiriza
agamije**

**Article One: Purpose of these
Regulations**

**Article premier: Objet des présents
règlements**

Ingingo ya 2: Ibirebwa n'aya mabwiriza

Article 2: Scope of these Regulations

**Article 2: Champ d'application des
présents règlements**

**Ingingo ya 3: Ibisobanuro
by'amagambo**

Article 3: Definitions

Article 3: Définitions

**UMUTWE WA II: GUSHYIRA MU
BYICIRO NO KUVUGURURA
SERIVISI ZEREKEYE UBUCUKUZI
BW'AMABUYE Y'AGACIRO NA
KARIYERI**

**CHAPTER II: CLASSIFICATION
AND UPDATING SERVICES
RELATING TO MINING AND
QUARRY OPERATIONS**

**CHAPITRE II: CLASSIFICATION ET
ACTUALISATION DES SERVICES
EN RAPPORT AVEC DES
OPÉRATIONS D'EXPLOITATION
DES MINES ET CARRIÈRES**

Ingingo ya 4: Ibyiciro bya serivisi zerekeye ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro na kariyeri

Ingingo ya 5: Gukoresha serivisi zerekeye ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro na kariyeri

Ingingo ya 6: Itangazwa ry'urutonde rw'abatanga serivisi zerekeye ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro na kariyeri

UMUTWE WA III: UBURYO BWO KWEMERERA ITANGWA RYA SERIVISI Z'UBUCUKUZI BW'AMABUYE Y'AGACIRO NA KARIYERI

Ingingo ya 7: Iyandikwa ry'abatanga serivisi rusange zerekeye ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro na kariyeri

Ingingo ya 8: Gusaba kwandikwa nk'utanga serivisi rusange mu bucukuzi bw'amabuye y'agaciro na kariyeri

Ingingo ya 9: Gutanga icyemezo cy'iyandikwa ry'utanga serivisi rusange

Article 4: Classification of services relating to mining and quarry operations

Article 5: Procurement of services relating to mining and quarry operations

Article 6: Publication of a list of providers of services relating to mining and quarries

CHAPTER III: MODALITIES FOR LICENSING SERVICES RELATING TO MINING AND QUARRY OPERATIONS

Article 7: Registration of providers of general services relating to mining and quarry operations

Article 8: Application for registration as a provider of general services relating to mining and quarry operations

Article 9: Issuance of registration certificate to a provider of general

Article 4: Classification des services en rapport avec des opérations d'exploitation des mines et carrières

Article 5: Acquisition de services en rapport avec les opérations des mines et carrières

Article 6: Publication de la liste des prestataires des services en rapport avec les opérations d'exploitation des mines et carrières

CHAPITRE III: MODALITÉS D'AGRÈMENT DE LA PRESTATION DES SERVICES EN RAPPORT AVEC LES OPÉRATIONS D'EXPLOITATION DES MINES ET CARRIÈRES

Article 7: Enregistrement des prestataires de services généraux en rapport avec les opérations d'exploitation des mines et carrières

Article 8: Demande d'enregistrement en tant que prestataire de services généraux en rapport avec les opérations d'exploitation des mines et carrières

Article 9: Octroi de certificat d'enregistrement d'un prestataire de services généraux en rapport avec les

zerekeye ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro na kariyeri	services relating to mining and quarry operations	opérations d'exploitation des mines et carrières
<u>Ingingo 10:</u> Igihe icyemezo cy'iyandikisha kimara	<u>Article 10:</u> Duration of registration certificate	<u>Article 10:</u> Durée du certificat d'enregistrement
<u>Ingingo ya 11:</u> Kongera igihe cy'icyemezo cy'iyandikisha cyo gutanga serivisi rusange zerekeye ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro na kariyeri	<u>Article 11:</u> Renewal of a registration certificate for providing general services in mining and quarry operations	<u>Article 11:</u> Renouvellement d'un certificat d'enregistrement pour la prestation de services généraux en rapport avec les opérations d'exploitation des mines et carrières
<u>Ingingo ya 12:</u> Gusaba uruhushya rwo gutanga serivisi z'ingenzi zerekeye ubucukuzi na kariyeri	<u>Article 12:</u> Application for a licence to provide essential services relating to mining and quarry	<u>Article 12:</u> Demande d'un permis de prestation des services essentiels en rapport avec les opérations d'exploitation des mines et carrières
<u>Ingingo ya 13:</u> Guhabwa uruhushya rwo gutanga serivisi z'ingenzi zerekeye amabuye y'agaciro na kariyeri	<u>Article 13:</u> Issuance of the licence to provide essential services relating to mining and quarry operations	<u>Article 13:</u> Octroi d'un permis de prestation des services essentiels en rapport avec les opérations d'exploitation des mines et carrières
<u>Ingingo 14:</u> Igihe uruhushya rumara	<u>Article 14:</u> Duration of a licence	<u>Article 14:</u> Durée d'un permis
<u>Ingingo ya 15:</u> Gusaba kongera igihe cy'uruhushya rwo gutanga serivisi z'ingenzi zerekeye ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro na kariyeri	<u>Article 15:</u> Application for renewal of a licence for providing essential services relating to mining and quarry operations	<u>Article 15:</u> Demande de renouvellement d'un permis de prestation des services essentiels en rapport avec les opérations d'exploitation des mines et carrières

**UMUTWE WA IV:
UBURENGAZIRA N'INSHINGANO
BY'ABATANGA SERIVISI
ZEREKEYE UBUCUKUZI
BW'AMABUYE Y'AGACIRO NA
KARIYERI**

**CHAPTER IV: RIGHTS AND
OBLIGATIONS OF SERVICE
PROVIDERS OF MINING AND
QUARRY OPERATIONS**

**CHAPITRE IV: DROITS ET
OBLIGATIONS DES
PRESTATAIRES DES SERVICES
DES OPÉRATIONS
D'EXPLOITATION DES MINES ET
CARRIÈRES**

Ingingo ya 16: Uburenganzira bw'uwemerewe gutanga serivisi z'ingenzi mu bucukuzi bw'amabuye y'agaciro na kariyeri

Article 16: Rights of a licensed essential services provider in mining and quarry operations

Article 16: Droits d'un prestataire agréé de services essentiels dans les opérations d'exploitation des mines et carrières

Ingingo ya 17: Uburenganzira bw'uwemerewe gutanga serivisi rusange zerekeye ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro na kariyeri

Article 17: Rights of a licensed provider of general services relating to mining and quarry operations

Article 17: Droits d'un prestataire autorisé de services généraux en rapport avec les opérations d'exploitation des mines et carrières

Ingingo ya 18: Inshingano z'ufite uruhushya rwo gutanga serivisi z'ingenzi mu bucukuzi bw'amabuye y'agaciro na kariyeri

Article 18: Obligations of a holder of a licence for providing essential services in mining and quarry operations

Article 18: Obligations du titulaire d'un permis de prestation des services essentiels dans les opérations d'exploitation des mines et carrières

Ingingo ya 19: Inshingano z'uwahawe icyemezo cy'iyandikisha cyo gutanga serivisi rusange zerekeye ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro na kariyeri

Article 19: Obligations of a registered provider of general services provider in mining and quarry operations

Article 19: Obligations du titulaire d'un certificat de prestation des services généraux dans les opérations d'exploitation des mines et carrières

Ingingo ya 20: Amafaranga yishyurwa ku ruhushya cyangwa ku cyemezo rwo gutanga serivisi zerekeye ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro

Article 20: Fees paid for a licence or a certificate for providing mining and quarry operations

Article 20: Frais applicables au permis ou certificat de prestation des services en rapport avec les opérations d'exploitation des mines et carrières

UMUTWE WA V: INGINGO ZISOZA

CHAPTER V: FINAL PROVISIONS

**CHAPITRE V: DISPOSITIONS
FINALES**

Ingingo ya 21: Ivanwaho ry'ingingo z'amabwiriza zinyuranyije n'aya mabwiriza

Article 21: Repealing provision

Article 21: Disposition abrogatoire

Ingingo ya 22: Igihe aya mabwiriza atangira gukurikizwa

Article 22: Commencement

Article 22: Entrée en vigueur

AMABWIRIZA Y'UMUYOBOZI MUKURU N° 002/MINES/RMB/2019 YO KU WA 18/07/2019 AGENA ITANGWA RYA SERIVISI ZEREKEYE IBIKORWA BY'UBUCUKUZI BW'AMABUYE Y'AGACIRO NA KARIYERI

REGULATIONS OF THE CHIEF EXECUTIVE OFFICER N° 002/MINES/RMB/2019 OF 18/07/2019 DETERMINING THE PROVISION OF SERVICES RELATING TO MINING AND QUARRY OPERATIONS

RÈGLEMENTS DU DIRECTEUR GÉNÉRAL EN CHEF N° 002/MINES/RMB/2019 DU 18/07/2019 DÉTERMINANT LA PRESTATION DE SERVICES EN RAPPORT AVEC LES OPÉRATIONS D'EXPLOITATION DES MINES ET CARRIÈRES

Umuyobozi Mukuru;

The Chief Executive Officer;

Le Directeur Général en Chef ;

Ashingiye ku Itegeko n° 58/2018 ryo ku wa 13/08/2018 rigenga ibikorwa by'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro na kariyeri, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 61;

Pursuant to Law n° 58/2018 of 13/08/2018 on mining and quarry operations, especially in Article 61;

Vu la Loi n° 58/2018 du 13/08/2018 portant exploitation des mines et carrières, spécialement en son article 61;

Inama y'Abaminisitiri yateranye ku wa 07/06/2019, imaze kubisuzuma no kubyemeza;

After consideration and approval by the Cabinet, in its session of 07/06/2019;

Après examen et adoption par le Conseil des Ministres, en sa séance du 07/06/2019;

ASHYZEHO AMABWIRIZA AKURIKIRA:

ISSUES THE FOLLOWING REGULATIONS:

ÉMET LES RÈGLEMENTS SUIVANTS:

UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE

CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS

CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GÉNÉRALES

Ingingo ya mbere: Icyo aya mabwiriza agamije

Article One: Purpose of these Regulations

Article premier: Objet des présents règlements

Aya mabwiriza agenga itangwa rya serivisi mu bikorwa byerekeye amabuye y'agaciro na kariyeri.

These Regulations govern the provision of services relating to mining and quarry operations.

Les présents règlements régissent la prestation des services en rapport avec les

opérations d'exploitation des mines et carrières.

Ingingo ya 2: Ibirebwa n'aya mabwiriza

Article 2: Scope of these Regulations

Article 2: Champ d'application des présents règlements

Aya mabwiriza areba serivisi zerekeye ibikorwa by'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro na kariyeri.

These Regulations apply to services relating to mining and quarry operations.

Les présents règlements s'appliquent aux services en rapport avec les opérations d'exploitation des mines et de carrières.

Ingingo ya 3: Ibisobanuro by'amagambo

Article 3: Definitions

Article 3: Définitions

Muri aya mabwiriza, amagambo akurikira afite ibisobanuro bikurikira:

For the purpose of these Regulations, the following terms are defined as follows:

Aux fins des présents règlements, les termes ci- après sont définis comme suit:

1 ° **Umuyobozi Mukuru:** Umuyobozi w'urwego rw'Igihugu rufite mine na kariyeri mu nshingano zarwo;

1 ° **Chief Executive Officer:** Head of the public organ in charge of mines and quarries;

1 ° **Directeur Général en Chef:** Chef de l'organe public ayant les mines et carrières dans ses attributions;

2 ° **umuntu:** umuntu ku giti cye, sosiyete cyangwa koperative itanga serivisi zerekeye ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro na kariyeri.

2 ° **person:** individual, company or cooperative that provide services relating to mining and quarry operations.

2 ° **personne:** personne physique, société ou coopérative qui preste les services en rapport avec les opérations d'exploitation des mines et carrières.

UMUTWE WA II: GUSHYIRA MU BYICIRO NO KUVUGURURA SERIVISI ZEREKEYE UBUCUKUZI BW'AMABUYE Y'AGACIRO NA KARIYERI

Ingingo ya 4: Ibyiciro bya serivisi zerekeye ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro na kariyeri

Serivisi zerekeye ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro na kariyeri ziri mu byiciro bikurikira:

- 1 ° serivisi z'ingenzi zerekeye ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro na kariyeri ku buryo butaziguye, zirimo:
- a. serivisi zo gushakisha amabuye y'agaciro cyangwa kariyeri, harimo ibikorwa byo gupima jewoloji, jewofizike, gupima icyo ubutaka buhatse hifashishijwe ikoranabuhanga n'ibikorwa bya jewoshimi;
 - b. kubungabunga ibidukikije n'imibereho myiza y'abaturage nko gusana ubutaka bwangiritse, gutera ibiti bisimbura ibyatemwe, kwita ku myanda yo muri mine no mu mazi, gufunga ibirombe no kubisana no gucunga ibisigazwa bya mine;

CHAPTER II: CLASSIFICATION AND UPDATING SERVICES RELATING TO MINING AND QUARRY OPERATIONS

Article 4: Classification of services relating to mining and quarry operations

Services relating to mining and quarry operations are classified as follows:

- 1 ° essential services which are directly connected to the mining and quarry operations, including:
- a. mineral or quarry exploration services, including geological, geophysics, remote sensing and geochemistry activities;
 - b. environmental and social management services such as reclamation, re-vegetation, mine waste and water and tailings management, mine closure and rehabilitation and tailings management;

CHAPITRE II: CLASSIFICATION ET ACTUALISATION DES SERVICES EN RAPPORT AVEC DES OPÉRATIONS D'EXPLOITATION DES MINES ET CARRIÈRES

Article 4: Classification des services en rapport avec des opérations d'exploitation des mines et carrières

Les services en rapport avec des opérations d'exploitation des mines et carrières sont classés comme suit:

- 1 ° les services essentiels qui sont directement liés aux opérations d'exploitation des mines et carrières, comprenant:
- a. les services d'exploration de mines ou carrières, y compris les activités géologiques, géophysiques, de télédétection et de géochimie;
 - b. les services de gestion environnementale et sociale, tels que la remise en état, la revégétalisation, la gestion des déchets miniers et de l'eau, la fermeture et la réhabilitation des

Official Gazette no. 29 bis of 29/07/2019

		mines ainsi que la gestion des résidus miniers;
c. serivisi zo gucukura;	c. drilling services;	c. les services de forage;
d. serivisi za laboratwari;	d. laboratory services;	d. les services de laboratoire;
e. serivisi zerekeye amasezerano yo gucukura amabuye y'agaciro;	e. contract mining services;	e. les services de contrat minier;
f. gucukura amabuye y'agaciro;	f. extraction of minerals;	f. l'excavation de minerais;
g. serivisi z'ubwikorezi bw'amabuye y'agaciro;	g. mining transport services;	g. les services de transport de minerais;
h. serivisi zo guturitsa intambi;	h. blasting services;	h. les services de dynamitage;
i. imirimo y'ubwubatsi, ibikoresho byo mu mirimo yo kubaka mine cyangwa kariyeri;	i. civil engineering works and construction of mine or quarry facilities;	i. les travaux de génie civil et construction d'installations minières ou de carrières;
j. serivisi zo gupima ubwiza bw'amabuye y'agaciro cyangwa kariyeri;	j. mineral or quarry analysis services;	j. les services d'analyse de minerais ou de carrière;
k. guhanga no gukora ibikoresho, ibice bibigize n'ibintu bikoreshwa bikarangira.	k. manufacturing and fabrication of equipment, components and consumables.	k. production et fabrication d'équipements, de composantes et de consommables.
2° serivisi rusange zerekeye ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro mu buryo buziguye, zirimo:	2° general services which are indirectly connected with the mining or quarry operations, including:	2° les services généraux qui sont indirectement liés aux opérations d'exploitation des mines ou carrières, comprenant:

Official Gazette no. 29 bis of 29/07/2019

- | | | |
|--|---|---|
| a. gutumiza mu mahanga no kugurisha ibikoresho by'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro cyangwa kariyeri n'ibikoresho bisimbura ibyangiritse; | a. importing and dealing in mining or quarry, equipment and spare parts supplies; | a. l'importation et le commerce des fournitures d'équipements et pièces de rechange pour les industries extractives ou les carrières. |
| b. serivisi z'ubushakashatsi; | b. research services; | b. les services de recherche; |
| c. serivisi z'ubwikorezi bw'amabuye y'agaciro; | c. mining transportation services; | c. les services de transport des minerais; |
| d. serivisi zo kugenzura imikorere; | d. due diligence services; | d. les services de revue diligente; |
| e. serivisi zo kumenya inkomoko y'amabuye y'agaciro cyangwa icyemezo cy'ubuziranenge cyayo; | e. mineral traceability or certification services; | e. les services de traçabilité ou de certification des minerais; |
| f. izindi serivisi z'ubuhanga. | f. other consultancy services. | f. les autres services de consultance. |

Umuyobozi Mukuru ashobora kongera urutonde rwa serivisi zerekeye ubucukuzi bwa mine na kariyeri.

The Chief Executive Officer may extend the list of services relating to mining and quarry operations.

Le Directeur Général en Chef peut étendre la liste des services en rapport avec les opérations d'exploitation des mines et carrières.

Ingingo ya 5: Gukoresha serivisi zerekeye ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro na kariyeri

Article 5: Procurement of services relating to mining and quarry operations

Article 5: Acquisition de services en rapport avec les opérations des mines et carrières

Ufite uruhushya rwo gucukura amabuye y'agaciro cyangwa kariyeri ntagomba guha akazi cyangwa gukoresha umuntu utanga serivisi zerekeye ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro na kariyeri keretse igihe na we

A holder of a mining licence must not engage or employ mining and quarry relating services provider, unless the mining services provider is licensed or

Le titulaire d'un permis minier ne doit pas engager ou utiliser le prestataire des services en rapport avec les opérations d'exploitation des mines et carrières, sauf si ledit prestataire de services est agréé ou

abifitiye uruhushya cyangwa yanditswe hakurikijwe ibiteganywa n'aya mabwiriza.

Ingingo ya 6: Itangazwa ry'urutonde rw'abatanga serivisi zerekeye ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro na kariyeri

Umuyobozi Mukuru ashyira ku buryo buhoraho ku rubuga rwa murandasi rw'urwego rw'Igihugu rufite mine na kariyeri mu nshingano zarwo, urutonde rw'abemerewe cyangwa abiyandikishije mu batanga serivisi z'ingenzi cyangwa iza rusange zerekeye ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro na kariyeri.

UMUTWE WA III: UBURYO BWO KWEMERERA ITANGWA RYA SERIVISI Z'UBUCUKUZI BW'AMABUYE Y'AGACIRO NA KARIYERI

Ingingo ya 7: Iyandikwa ry'abatanga serivisi rusange zerekeye ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro na kariyeri

Umuntu utanga serivisi rusange zerekeye ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro na kariyeri yiyandikisha ku Muyobozi

registered in accordance with the provisions of these regulations.

Article 6: Publication of a list of providers of services relating to mining and quarries

The Chief Executive Officer regularly publishes on the website of the Public Organ in charge of mines and quarries a list of persons licensed or registered as providers of essential or general services relating to mining and quarry operations.

CHAPTER III: MODALITIES FOR LICENSING SERVICES RELATING TO MINING AND QUARRY OPERATIONS

Article 7: Registration of providers of general services relating to mining and quarry operations

A provider of general services related to mining and quarry operations must register with the Chief Executive Officer in

enregistré conformément aux dispositions des présents règlements.

Article 6: Publication de la liste des prestataires des services en rapport avec les opérations d'exploitation des mines et carrières

Le Directeur Général en Chef publie régulièrement sur le site Web de l'organe public ayant les mines et carrières dans ses attributions une liste des personnes autorisées ou enregistrées en tant que prestataires de services essentiels ou généraux en rapport avec les opérations d'exploitation des mines et carrières.

CHAPITRE III: MODALITÉS D'AGRÈMENT DE LA PRESTATION DES SERVICES EN RAPPORT AVEC LES OPÉRATIONS D'EXPLOITATION DES MINES ET CARRIÈRES

Article 7: Enregistrement des prestataires de services généraux en rapport avec les opérations d'exploitation des mines et carrières

Un prestataire d'un service général en rapport avec les opérations d'exploitation des mines ou carrières doit se faire enregistrer auprès du Directeur Général en

Official Gazette no. 29 bis of 29/07/2019

Mukuru hakurikijwe ibiteganywa n'aya mabwiriza.

Ingingo ya 8: Gusaba kwandikwa nk'utanga serivisi rusange mu bucukuzi bw'amabuye y'agaciro na kariyeri

Umuntu wifuza gusaba kwandikwa nk'utanga serivisi rusange mu bucukuzi bw'amabuye y'agaciro na kariyeri agomba gushyikiriza Umuyobozi Mukuru inyangiko ibisaba akoresheje ifishi iri ku mugereka wa II w'aya mabwiriza.

Dosiye isaba kwandikwa igomba kuba ikubiyemo amakuru cyangwa inyangiko zikurikira:

- 1 ° icyemezo cy'iyandikwa ry'ubucuruzi;
- 2 ° umwirondoro w'usaba;
- 3 ° imyirondoro y'abayobozi n'iy'abakozi b'ingenzi usaba azakoresha, igaragaza ibyo bize n'uburambe bafite mu gutanga serivisi ziteganyijwe;

accordance with the provisions of these Regulations.

Article 8: Application for registration as a provider of general services relating to mining and quarry operations

A person who intends to register as a provider of general services relating to mining and quarry operations must submit his or her application to the Chief Executive Officer using the form prescribed in Annex II of these Regulations.

The application file for registration must comprise of the following information or documents:

- 1 ° a business registration certificate;
- 2 ° profile of the applicant;
- 3 ° curriculum vitae of the key management and professional personnel of the applicant showing their qualifications and experience in providing the planned services;

Chef, conformément aux dispositions des présents règlements.

Article 8: Demande d'enregistrement en tant que prestataire de services généraux en rapport avec les opérations d'exploitation des mines et carrières

Le demandeur d'inscription en tant que prestataire de services généraux en rapport avec les opérations d'exploitation des mines et carrières doit adresser sa demande au Directeur Général en Chef en utilisant le formulaire prescrit en Annexe II des présents règlements.

Le dossier de demande doit contenir les informations ou les documents suivants:

- 1 ° le certificat d'enregistrement commercial;
- 2 ° le profil du demandeur;
- 3 ° le curriculum vitae du personnel d'encadrement et du personnel professionnel du demandeur, indiquant leurs qualifications et leur expérience dans la prestation des services prévus;

Official Gazette no. 29 bis of 29/07/2019

4° icyemezo kitarengeje igihe kigaragaza ko nta misoro usaba arimo;

5° andi makuru ashobora gusabwa n'Umuyobozi Mukuru.

4° a valid tax clearance certificate of the applicant;

5° any other information that may be required by the Chief Executive Officer.

4° une attestation de non-créance valide du demandeur;

5° toute autre information ou document que peut demander le Directeur Général en Chef.

Ingingo ya 9: Gutanga icyemezo cy'iyandikwa ry'utanga serivisi rusange zerekeye ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro na kariyeri

Umuyobozi Mukuru ashobora, mu minsi mirongo itandatu (60) uhereye ku muni dosiye isaba kwandika utanga serivisi rusange zerekeye ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro na kariyeri yakiririwe, kandi amaze gusuzuma neza inyandiko isaba, gutanga cyangwa kutemera guha usaba icyemezo cy'iyandikwa.

Umuyobozi Mukuru atanga icyemezo cy'iyandikisha akoresheje ifishi iri ku mugereka wa IV w'aya mabwiriza.

Article 9: Issuance of registration certificate to a provider of general services relating to mining and quarry operations

The Chief Executive Officer may, within sixty (60) days from the date of receipt of application file for registration for provision of general services relating to mining and quarry operations, and after reviewing the application, issue or refuse to issue a registration certificate to the applicant.

The Chief Executive Officer issues a registration certificate to the applicant in the form prescribed in annex IV of these Regulations.

Article 9: Octroi de certificat d'enregistrement d'un prestataire de services généraux en rapport avec les opérations d'exploitation des mines et carrières

Le Directeur Général en Chef peut, endéans soixante (60) jours à compter de la date de réception d'un dossier de demande d'inscription d'un prestataire de services généraux en rapport avec les opérations d'exploitation des mines et carrières, et après avoir examiné la demande, octroyer ou refuser d'octroyer, un certificat d'enregistrement au demandeur.

Le Directeur Général en Chef octroie un certificat d'enregistrement au demandeur en utilisant le format prescrit en annexe IV des présents règlements.

Ingingo ya 10: Igihe icyemezo cy'iyandikisha kimara

Icyemezo cy'iyandikisha cy'utanga serivisi rusange zerekeye ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro na kariyeri kimara imyaka itatu (3) ishobora kongerwa hashingiwe ku isesengura ryakozwe kuri serivisi uwahawe uruhushya yatanze.

Buri gihe cy'inyongera ry'icyemezo ntikirenza imyaka itatu (3).

Ingingo ya 11: Kongera igihe cy'icyemezo cy'iyandikisha cyo gutanga serivisi rusange zerekeye ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro na kariyeri

Umuntu ushaka ko icyemezo cye cy'iyandikisha cyo gutanga serivisi rusange zerekeye ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro na kariyeri cyongererwa igihe abisaba Umuyobozi Mukuru bitarenze iminsi mirongo itatu (30) mbere y'uko icyemezo kirangiza igihe, akoresheje ifishi iri ku mugereka wa VI w'aya mabwiriza.

Article 10: Duration of registration certificate

A registration certificate of a provider of general services relating to mining and quarry lasts for three (3) years renewable depending on the evaluation of the services provided by the holder.

Each renewal of the certificate must not exceed three (3) years.

Article 11: Renewal of a registration certificate for providing general services in mining and quarry operations

A person who wants to apply for renewal of a registration certificate for providing general services in mining and quarry operations submits his or her application to the Chief Executive Office not later than thirty (30) days before the certificate expires, in the form prescribed in annex VI of these Regulations.

Article 10: Durée du certificat d'enregistrement

Un certificat d'enregistrement d'un prestataire de services généraux en rapport avec les opérations d'exploitation des mines et carrières a une durée de trois (3) ans renouvelable sur base de l'évaluation des services fournis par le titulaire.

Chaque renouvellement du certificat ne doit pas dépasser trois (3) ans.

Article 11: Renouvellement d'un certificat d'enregistrement pour la prestation de services généraux en rapport avec les opérations d'exploitation des mines et carrières

Une personne qui veut demander le renouvellement d'un certificat d'enregistrement pour la prestation de services généraux en rapport avec les opérations d'exploitation des mines ou carrières présente sa demande au Directeur Général en chef au plus tard trente (30) jours avant l'expiration du certificat, en utilisant le formulaire en annexe VI des présents règlements.

Ingingo ya 12: Gusaba uruhushya rwo gutanga serivisi z'ingenzi zerekeye ubucukuzi na kariyeri

Umuntu ushaka gutanga serivisi y'ingenzi yerekeye ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro na kariyeri agomba gusaba uruhushya Umuyobozi Mukuru akoresheje ifishi iri ku mugereka wa I w'aya mabwiriza.

Bitabangamiye ibivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo, dosiye isaba uruhushya igomba kuba ikubiyemo amakuru cyangwa inyandiko zikurikira:

- 1 ° icyemezo cy'iyandikwa ry'ubucuruzi;
- 2 ° umwirondoro w'usaba;
- 3 ° imyirondoro y'abayobozi n'iy'abakozi b'ingenzi usaba azakoresha, hagaragazwamo ibyo bize n'uburambe bafite mu gutanga serivisi ziteganyijwe;
- 4 ° icyemezo kitarengeje igihe cy'uko nta misoro usaba arimo;

Article 12: Application for a licence to provide essential services relating to mining and quarry

A person who wants to provide essential services relating to mining and quarry must, with an appropriate form in Annex I of these Regulations, apply for a licence from the Chief Executive Officer.

Without prejudice to provisions of Paragraph One of this Article, the application file for the licence must comprise of the following information or documents:

- 1 ° a business registration certificate;
- 2 ° a profile of the applicant;
- 3 ° curriculum vitae of the key management and professional personnel of the applicant showing their qualifications and experience in providing the expected services;
- 4 ° a valid tax clearance certificate of the applicant;

Article 12: Demande d'un permis de prestation des services essentiels en rapport avec les opérations d'exploitation des mines et carrières

Toute personne qui veut fournir des services essentiels en rapport avec les opérations d'exploitation des mines et carrières demande un permis au Directeur Général en Chef en utilisant le formulaire en Annexe I des présents règlements.

Sans préjudice aux dispositions de l'alinéa premier du présent article, le dossier de demande de permis doit contenir les informations ou les documents suivants:

- 1 ° le certificat d'enregistrement commercial;
- 2 ° le profil du demandeur;
- 3 ° les curriculum vitae du personnel d'encadrement et celui du personnel professionnel du demandeur, indiquant leurs qualifications et leur expérience dans la prestation des services escomptés;
- 4 ° l'attestation de non créance valide du demandeur;

Official Gazette no. 29 bis of 29/07/2019

5° kopi z'ibyemezo byo gutanga serivisi z'ingenzi zerekeye ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro na kariyeri;

6° ibikoresho bigomba gukoreshwa mu gutanga serivisi z'ingenzi zerekeye ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro na kariyeri;

7° andi makuru cyangwa inyangwaho ashobora gusabwa n'Umuyobozi Mukuru.

5° copies of certifications or authorisations for providing the services, if applicable;

6° equipment to be used in providing services relating to mining and quarry operations;

7° any other information or document that may be required by the Chief Executive Officer.

5° des copies des certifications ou des autorisations pour fournir les services, le cas échéant;

6° l'équipement à utiliser pour fournir les services essentiels en rapport avec les opérations d'exploitation des mines et carrières;

7° toute autre information ou document que peut demander le Directeur Général en Chef.

Ingingo ya 13: Guhabwa uruhushya rwo gutanga serivisi z'ingenzi zerekeye amabuye y'agaciro na kariyeri

Mu minsi mirongo itandatu (60) uherye ku muni dosiye yuzuye isaba uruhushya yakiriwe, Umuyobozi Mukuru ashobora kutemera gutanga cyangwa gutanga uruhushya rwo gutanga serivisi z'ingenzi zerekeye ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro na kariyeri.

Umuyobozi Mukuru atanga uruhushya akoresheje ifishi iri ku mugereka wa III w'aya mabwiriza.

Article 13: Issuance of the licence to provide essential services relating to mining and quarry operations

The Chief Executive Officer may, within sixty (60) days from the date of receipt of the application file for the licence, issue the licence or reject the application for the licence to provide essential services relating to mining and quarry operations.

The Chief Executive Officer issues the licence to the applicant in the form prescribed in Annex III of these Regulations.

Article 13: Octroi d'un permis de prestation des services essentiels en rapport avec les opérations d'exploitation des mines et carrières

Le Directeur Général en Chef peut, dans les soixante (60) jours à compter de la date de réception du dossier de demande de permis, octroyer le permis ou rejeter la demande de permis de prestation de services essentiels en rapport avec les opérations d'exploitation des mines et carrières.

Le Directeur Général en Chef délivre le permis au demandeur en utilisant le formulaire en annexe III des présents règlements.

Ingingo ya 14: Igihe uruhushya rumara

Uruhushya rwo gutanga serivisi z'ingenzi mu bucukuzi bw'amabuye y'agaciro na kariyeri rumara imyaka itanu (5) ishobora kongerwa hashingiwe ku isesengura ryakozwe kuri serivisi uwahawe uruhushya yatanze.

Buri gihe cy'inyongera cy'uruhushya ntikirenza imyaka itanu (5).

Ingingo ya 15: Gusaba kongera igihe cy'uruhushya rwo gutanga serivisi z'ingenzi zerekeye ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro na kariyeri

Umuntu usaba ko uruhushya rwe rwo gutanga serivisi z'ingenzi zerekeye ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro na kariyeri rwongererwa igihe abikora akoresheje ifishi iri ku mugereka wa V w'aya mabwiriza akayohereza Umuyobozi Mukuru bitarenze ukwezi kumwe (1) mbere y'uko uruhushya yabonye mbere rurangira.

Mbere y'uko Umuyobozi Mukuru yongera igihe cy'uruhushya ruvugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo, asuzuma ko usaba yubahirije ibikubiye muri urwo ruhushya biteganywa n'aya mabwiriza.

Article 14: Duration of a licence

A licence for provision of essential services relating to mining and quarry operations is issued for a period of five (5) years renewable depending on the evaluation of the services provided.

Each period for renewal of the licence must not exceed five (5) years.

Article 15: Application for renewal of a licence for providing essential services relating to mining and quarry operations

A person who applies for renewal of his or her licence of providing essential services relating to mining and quarry operations do so by filling a form prescribed in Annex V of these Regulations in a period not later than one (1) month before the expiry of the previous one.

The Chief Executive Officer must, before approving renewal of the licence referred to under Paragraph One of this Article, examine whether the applicant complied with relevant conditions of these regulations relating to the licence.

Article 14: Durée d'un permis

Un permis de prestation des services essentiels en rapport avec les opérations d'exploitation des mines ou des carrières est accordé pour une durée de cinq (5) ans renouvelable sur base de l'évaluation des services fournis.

Chaque renouvellement du permis ne doit pas dépasser cinq (5) ans.

Article 15: Demande de renouvellement d'un permis de prestation des services essentiels en rapport avec les opérations d'exploitation des mines et carrières

Une personne qui demande le renouvellement de son permis de prestation des services essentiels en rapport avec les opérations d'exploitation des mines et carrières remplit le formulaire prescrit à l'annexe V des présents règlements au plus tard un (1) mois avant l'expiration du permis précédent.

Avant d'octroyer le renouvellement d'un permis mentionné à l'alinéa premier du présent article, le Directeur Général en Chef s'assure que le demandeur s'est conformé aux exigences prévues par les

présents règlements en rapport avec le permis.

UMUTWE WA IV: UBURENGANZIRA N'INSHINGANO BY'ABATANGA SERIVISI ZEREKEYE UBUCUKUZI BW'AMABUYE Y'AGACIRO NA KARIYERI

CHAPTER IV: RIGHTS AND OBLIGATIONS OF SERVICE PROVIDERS OF MINING AND QUARRY OPERATIONS

CHAPITRE IV: DROITS ET OBLIGATIONS DES PRESTATAIRES DES SERVICES DES OPÉRATIONS D'EXPLOITATION DES MINES ET CARRIÈRES

Ingingo ya 16: Uburenganzira bw'uwerewe gutanga serivisi z'ingenzi mu bucukuzi bw'amabuye y'agaciro na kariyeri

Article 16: Rights of a licensed essential services provider in mining and quarry operations

Article 16: Droits d'un prestataire agréé de services essentiels dans les opérations d'exploitation des mines et carrières

Umuntu ufite uruhushya rwo gutanga serivisi z'ingenzi zerekeye ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro na kariyeri yemerewe gutanga serivisi nk'uko uruhushya afite rubigena cyangwa kubona inyungu n'uduhimbazamusyi biteganywa n'amategeko abigenga.

A licensed essential service provider in mining and quarry operations is permitted to provide services as specified in the licence with benefits or incentives granted under relevant laws.

Le titulaire d'un permis des services essentiels dans les opérations d'exploitation des mines ou carrières a droit à la prestation de services en vertu du permis obtenu et à tout avantage ou incitations accordés en vertu de la législation en la matière.

Ingingo ya 17: Uburenganzira bw'uwerewe gutanga serivisi rusange zerekeye ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro na kariyeri

Article 17: Rights of a licensed provider of general services relating to mining and quarry operations

Article 17: Droits d'un prestataire autorisé de services généraux en rapport avec les opérations d'exploitation des mines et carrières

Umuntu wiyandikishije kugira ngo atange serivisi rusange mu bucukuzi bw'amabuye y'agaciro na kariyeri yemerewe gutanga serivisi zemejwe no guhabwa

A person registered to provide general services in mining and quarry operations provides services as stipulated in the licence and is entitled to benefits or incentives specified under relevant laws.

Une personne enregistrée pour la prestation des services généraux dans les opérations d'exploitation des mines et carrières a droit à la prestation des services approuvés et à tout autre avantage ou

uduhimbazamusyi tugenwa n'amategeko abigenga.

Ingingo ya 18: Inshingano z'ufite uruhushya rwo gutanga serivisi z'ingenzi mu bucukuzi bw'amabuye y'agaciro na kariyeri

Uwahawe uruhushya rwo gutanga serivisi z'ingenzi mu bucukuzi bw'amabuye y'agaciro na kariyeri agomba:

- 1 ° kubahiriza ibiteganywa n'aya mabwiriza kimwe n'andi mategeko agenga ibikorwa by'uwahawe uruhushya;
- 2 ° gushyikiriza Umuyobozi Mukuru raporo z'umwaka mu gihe kitarenze amezi atatu (3) nyuma y'uko umwaka urangira nk'uko biteganywa mu mugereka wa VII w'aya mabwiriza;
- 3 ° kwemerera umukozi ubifitiye ububasha kugenzura ibikorwa bye.

Article 18: Obligations of a holder of a licence for providing essential services in mining and quarry operations

A holder of a licence for providing essential services in mining and quarry operations must:

- 1 ° comply with the provisions of these regulations and any other law applicable to the holder's operations;
- 2 ° submit annual reports to the Chief Executive Officer not later than three (3) months after the end of each year as set out in annex VII of these regulations;
- 3 ° allow an authorised officer to inspect his or her operations.

incitations accordés en vertu de la législation en la matière.

Article 18: Obligations du titulaire d'un permis de prestation des services essentiels dans les opérations d'exploitation des mines et carrières

Un titulaire d'un permis de prestation des services essentiels dans les opérations d'exploitation des mines et carrières doit:

- 1 ° se conformer aux dispositions des présents règlements et de toute autre loi applicable aux opérations du détenteur;
- 2 ° soumettre des rapports annuels au Directeur Général en Chef au plus tard trois (3) mois après la fin de chaque année, conformément à l'annexe VII des présents règlements;
- 3 ° permettre à l'agent autorisé d'inspecter ses opérations.

Ingingo ya 19: Inshingano z'uwahawe icyemezo cy'iyandikisha cyo gutanga serivisi rusange zerekeye ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro na kariyeri

Uwahawe icyemezo cy'iyandikisha cyo gutanga serivisi rusange mu bucukuzi bw'amabuye y'agaciro na kariyeri agomba:

- 1 ° kubahiriza ibiteganywa n'aya mabwiriza n'andi mategeko agenga ibikorwa by'uwahawe uruhushya;
- 2 ° gushyikiriza Umuyobozi Mukuru raporo z'umwaka mu gihe kitarenze ukwezi kumwe (1) nyuma y'uko umwaka urangira nk'uko biteganywa mu mugereka wa VIII w'aya mabwiriza;
- 3 ° kwemerera umukozi ubifitiye ububasha kugenzura ibikorwa yaherewe uruhushya.

Article 19: Obligations of a registered provider of general services provider in mining and quarry operations

A registered provider of general services in mining and quarry operations must:

- 1 ° comply with the provisions of these regulations and any other law applicable to the holder's operations;
- 2 ° submit annual reports to the Chief Executive Officer not later than one (1) month after the end of each year as set out in annex VIII of these Regulations;
- 3 ° allow an authorised officer to inspect his or her operations.

Article 19: Obligations du titulaire d'un certificat de prestation des services généraux dans les opérations d'exploitation des mines et carrières

Un titulaire d'un certificat de prestation des services généraux dans les opérations d'exploitation des mines et carrières doit:

- 1 ° se conformer aux dispositions des présents règlements et de toute autre loi applicable aux opérations du détenteur;
- 2 ° soumettre des rapports annuels au Directeur Général en Chef au plus tard un (1) mois après la fin de chaque année, conformément à l'annexe VIII des présents règlements;
- 3 ° permettre à l'agent autorisé d'inspecter ses opérations.

Ingingo ya 20: Amafaranga yishyurwa ku ruhushya cyangwa ku cyemezo cyo gutanga serivisi zerekeye ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro

Usaba cyangwa usanganywe uruhushya cyangwa icyemezo cy'iyandikisha byo gutanga serivisi zerekeye ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro na kariyeri yishyura amafaranga ateye ku buryo bukurikira:

- 1 ° amafaranga y'u Rwanda ibihumbi mirongo itanu (50.000 FRW) yo gusaba uruhushya cyangwa yo kwiyandikisha;
- 2 ° amafaranga y'u Rwanda ibihumbi mirongo itanu (50.000 FRW) ku gusaba kongererwa uruhushya cyangwa icyemezo.

Amafanga avugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo yishyurwa kuri konti yagenwe n'urwego rw'Igihugu rufite mine na kariyeri mu nshingano zarwo.

Article 20: Fees paid for a licence or a certificate for providing mining and quarry operations

An applicant for or a holder of a licence or a certificate for providing mining and quarry operations pays the following fees:

- 1 ° fifty thousand Rwandan francs (FRW 50,000) for the application or for registration;
- 2 ° fifty thousand Rwandan francs (FRW 50,000) for application of renewal of a licence or a certificate.

Fees referred to under Paragraph One of this Article are paid to the bank account designated by the Public Organ in charge of mines and quarries.

Article 20: Frais applicables au permis ou certificat de prestation des services en rapport avec les opérations d'exploitation des mines et carrières

Le demandeur ou le détenteur d'un permis ou d'un certificat d'enregistrement pour la prestation des services en rapport avec les opérations d'exploitation des mines et carrières paie les frais suivants:

- 1 ° cinquante mille francs Rwandais (50.000 FRW) pour la demande ou l'enregistrement;
- 2 ° cinquante mille francs Rwandais (50.000 FRW) pour la demande de renouvellement d'un permis ou d'un certificat.

Les frais mentionnés à l'alinéa premier du présent article sont payés sur le compte désigné de l'organe public ayant les mines et carrières dans ses attributions.

UMUTWE WA V: INGINGO ZISOZA

CHAPTER V: FINAL PROVISIONS

CHAPITRE V: DISPOSITIONS FINALES

Ingingo ya 21: Ivanwaho ry'ingingo z'amabwiriza zinyuranyije n'aya mabwiriza

Article 21: Repealing provision

Article 21: Disposition abrogatoire

Ingingo zose z'amabwiriza abanziriza aya kandi zinyuranyije na yo zivanyweho.

All prior provisions contrary to these Regulations are repealed.

Toutes les dispositions antérieures contraires aux présents règlements sont abrogées.

Ingingo ya 22: Igihe aya mabwiriza atangira gukurikizwa

Article 22: Commencement

Article 22: Entrée en vigueur

Aya mabwiriza atangira gukurikizwa ku munsu atangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

These Regulations come into force on the date of their publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

Les présents règlements entrent en vigueur le jour de leur publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Kigali, ku wa 18/07/2019

Kigali, on 18/07/2019

Kigali, le 18/07/2019

(sé)

GATARE Francis

Umuyobozi Mukuru w'Ikigo gishinzwe Mine, Peteroli na Gazi mu Rwanda

(sé)

GATARE Francis

Chief Executive Officer of Rwanda Mines, Petroleum and Gas Board

(sé)

GATARE Francis

Directeur Général en Chef de l'Office Rwandais des Mines, Pétrole et Gaz

Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:

Seen and sealed with the Seal of the Republic:

Vu et scellé du Sceau de la République:

(sé)

BUSINGYE Johnston

Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta

(sé)

BUSINGYE Johnston

Mister of Justice/Attorney General

(sé)

BUSINGYE Johnston

Ministre de la Justice/Garde des Sceaux